

AHATANGIRWA AMAKURU AJYANYE N' AMATEGEKO

Urukiko Rwisumbuye rufite Icyiciro Gitangirwaho Amakuru Ajyanye n' Amategeko k'ubuntu kandi kuri buri muntu wese mu igorofa rya 2 ry'urukiko. Hano ushobora:

- Kubona ifomu z' amategeko
- Gukoresha mudasobwa na purinta
- Gukora fotokopi
- Kubona ubufasha bwo kubona abavoka b'ubuntu n' abahendutse
- Kumenya aho wakura ubufasha rusange.

Abakozi biki kiciro barashobora kuboneka

kuri terefone

(520)724-8456

cyangwa kuri imeri

lawlibrary@sc.pima.gov

AMATEGEKO YO KURINDWA N' AMABWIRIZA YO KURINDWA KUBUZWA AMAHWEMO

Niba wowe cyangwa umwe mu bagize umuryango wawe ashobora guhura n'ihohoterwa rikorerwa mu ngo rikozwe n'undi muntu wo mu muryango, uwo mwashakanye, cyangwa uwo mwari mwarashakanye, cyangwa muftanye undi mubano wihamiye, ushobora gusaba Iteka ryo Kurindwa. Amabwiriza yo Kurwanya Kubuzwa Amahweno ashobora gukoreshwa mu makimbirane hagati y'abaturanyi cyangwa abandi bantu.

Ifomu zo gusaba iteka ryo kurirwa zigomba kuzuzwa kumurongo kuri AZPOINT (<https://azpoint.azcourts.gov>).

Mbere yo gusaba Iteka ryo Kurindwa
Ushobora kuvugana nuwunganira abahohotewe mbere yo gutanga dosiye ugahamagara kuri **(602) 279-2900** cyangwa **(800) 782-6400**

Ugomba kujya mu rukiko rwa Arizona gutanga ubusabe bwawe. Niba umucamanza yemeye ubusabe bwawe, Iteka ryo kurindwa ryoherezwa munsi ritangiweho. Nta kiguzi gisabwa.

Niba ukeneye ubufasha bw'ururimi kugirango wuzuze ifomu z'urukiko, harimo n'Iteka yo kurindwa, hamagara CITS (Serivisi zo Gusemura z' Urukiko).

Kuri terefone

(520) 724-3888

cyangwa imeri

sccits@sc.pima.gov

GUTANGA IBIREGO

Niba ubona utahawe ubufasha bwururimi buhagije mu rukiko cyangwa mu gukurikiranwa bya hafi, cyangwa serivisi iyo ari yo yose yatanzwe n'urukiko, ohereza **Ifomu y' ikirego kuri Serivisi z' Urukiko z' Ubufasha bw' Indimi.**

Ushobora kubona iyi fomu uhamagaye CITS kuri nomero ziri hejuru cyangwa ukavana ifomu kuri uru rubuga rw'urukiko (www.sc.pima.gov).



KINYARWANDA

**KUYOBORA ABAKENERA
UBUFASHA MU RUKIKO
BAFITE UMUMENYI BW'
ICYONGEREZA BUKE
(LEP)**



[110 W. Congress Street
Tucson, AZ 85701](http://110.W.Congress.Street.Tucson.AZ.85701)

(520) 724-4200

www.sc.pima.gov

SERIVISI ZO GUSOBANURA Z' URUKIKO (CITS)

Urukiko Rukuru: (520) 724-3888

Serivisi zo Gusobanura z' Urukiko (CITS) Icyiciro cy' Urukiko Rukuru rw'Arizona muri kawunti ya Pima rwiyemeje kurengera uburenganzira bwabakoresha inkiko bose mu buryo bunoze. **Ubumenyi buke bwicyongereza cyangwa ubumuga bwitumanaho ntibigomba kuba inzitizi zo kubona ubutabera.**

Niba ukeneye serivisi zo gusobanurirwa cyangwa ukeneye ubufasha nkenerwa mu gihe cy' urubanza, hamagara ibiro bya CITS kugirango utegure umusemuzi wururimi ukwiye mbere yo kwitaba urukiko.

GUKORESHA UMUSEMUZI W'URUKIKO

Mu gihe urikuvuga mu rukiko, erekeza ibitekerezo byawe n'amagambo yawe k' umucamanza cyangwa uwo ubwira (aho kubwira Umusemuzi w'Urukiko).

Umusemuzi azagufasha kuvugana n' avoca wawe, abakozi b' urukiko, n'umucamanza mugihе cy' urubanza.

Akazi k'umusemuzi nugusobanura neza ibyavuzwe, ntacyongeweyeho, ntagikuweho, cyangwa ngo hagire icyo aricyo cyose gihindurwa ku byavuzwe.

Ntukagishe umusemuzi inama ku bijyanye n' zamategeko. Abasemuzi ntibagomba kutagira aho babogamira kubw' impamvu z' umwuga.

IYO UKORESHA UMUSEMUZI W' URUKIKO KURI TELEFONI

Umusemuzi azimyenekanisha mu ntangiriro. Igihe icyo ari cyo cyose ufite ikibazo cyo kutumva neza cyangwa utumva umusemuzi hita umenyesha umucamanza ako kanya, kabone niyo byasaba kurogoya iburanisha.

UMUSOBANUZI W'URUKIKO NTASHOBORA

- Gutanga inama kubijyanye n' amategeko cyangwa cyangwa ku gitи cye.
- Gusubiza ibibazo bijyanye n'amategeko cyangwa inzira zemewe n'amategeko.
- Kukubwira ibyerekeye ikibazo cyawe.
- Gusobanura icyo amagambo asobanura, cyangwa ibibera mu rukiko.
- Kugirana icyo avugana nawe, umuryango wawe, cyangwa umuntu wese ufite uruhare mubibazo byawe.

INGINGO Z' INGENZI

- Soma neza kandi usobanukirwa amabarawa yose yo m'urukiko.
- Witondere cyane amatariki yo kwitaba mu rukiko n'amatariki ntarengwa.
- Ntukirengagize impapuro zo guhamagazwa, cyangwa izindi nshingano zigenwa n'amategeko.
- Kugerera mu rukiko ku gihe.
- Kumenyekanisha numero ya terefone, n'aderesi mu rukiko igahe cyose bihindutse.
- Niba ukeneye serivisi zo gusemurirwa cyangwa ubufasha bwibenze, hamagara **(520) 724-3888** usabe ubufasha ukimara kumenya itariki n'isaha uzitabira mu rukiko.
- Ushaka amakuru yerekeye n'ibiciro byo gutanga ibirego, cyangwa gukurirwaho ikiguzi, hamagara Umukarani w'Urukiko kuri **(520) 724-3200**.

